**REPUBLIC OF RWANDA**

**SOUTHERN PROVINCE**
**NYAMAGABE DISTRICT**
**E-mail :info@nyamagabe.gov.rw**
**Website : www.nyamagabe.gov.rw**

# ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Akarere ka NYAMAGABE bufatanije n'Urugaga rw'abikorera ku giti cyabo mu Karere (PSF) baramenyesha Abacuruzi bose bakorera mu karere ko ku bufatanye na Water For People, Akarere kari gushinga Ikigo cy'Isuku n'Isukura mu rwego rwo kuzamura urwego rw'isuku n'isukura binyuze mu bucuruzi. Bityo akarere karashaka Rwiyemezamirimo wazakoresha icyo kigo (District Sanitation Center), giherereye mu mudugudu wa NYARUSANGE Akagali ka NYAMUGALI, umurenge wa GASAKA

Intego z'icyo kigo ni ukuzamura urwego rw'Isuku n'isukura mu karere binyuze mu gucuruza ibikoresho by'amazi, isuku n'isukura, kwerekana ikoranabuhanga mu isuku n'isukura, gutanga amahugurwa ku bafundi mu kubaka ubwiherero bwujuje ibisabwa mu bice byose bigize akarere, gukorana n'abacuruzi mu mirenge kugera ku midugudu mu kwegereza ibikoresho by'isuku n'isukura mu cyaro, gushishikariza abaturage kunoza isuku no kugira ubwiherero bwujuje ibisabwa.

## I. Intego z'Ikigo cy'isuku n'isukura

1. Gucuruza ibikoresho by'amazi, isuku n'isukura ku baturage, ibigo by'amashuli, ibigo nderabuzima, ibindi bigo no guhuza abakiriya hamwe na ba Rwiyemezamirimo batanga serivisi z'isuku n'isukura n'abafundi bubaka ubwiherero bwujuje ibyangombwa
2. Kwerekana ubwoko butandukanye bw'imisarani yujuje ibyangombwa
3. Gutanga amahugurwa ajyanye n'isuku n'isukura
4. Gukorana n'inzego zishinzwe guteza imbere isuku n'isukura mu Karere

## II. Inshingano za Rwiyemezamirimo uzakoresha iki kigo ni izi zikurikira:

a) Gushyiraho ingamba zihamye zigaragaza uburyo bwo guteza imbere ubucuruzi bw'ibikoresho by'isuku n'isukura mu karere

b) Kugira stock ihagije y'ibicuruzwa/ibikoresho by'isuku n'isukura mu iduka rye

c) Gutanga ubusobanuro ku bakiliya bose bamugannye no guhuza abakiliya nk'abafundi bahuguwe mu bijyanye no kubaka ubwiherero bwujuje ibisabwa mu karere ndetse n'abandi bose batanga serivisi z'isuku n'isukura,

d) Gufungura ikigo amasaha yose y'akazi arebana n'ubucuruzi

e) Gushyiraho icyumba cy'amahugurwa y'isuku n'isukura

f) Guhuza abakiriya naba Rwiyemezamirimo batanga serivisi z'isuku n'isukura nk'abafundi bubaka ubwiherero, abavidura.

g) Gucuruza bya kinyamwuga

h) Gukorana neza n'abafatanyabikorwa barimo Akarere na Water For People

i) Kwamamaza ibikorwa by'ubucuruzi mu karere kose

## III. Ibyo uzakoresha ikigo cy'Isuku n'Isukura agomba kuba yujuje

Uzacunga ikigo cy'Isuku n'Isukura ashobora kuba ari umuntu wikorera ku giti cye cyangwa ari Sosiyete y'Ubucuruzi (Company) agomba kuba yujuje ibikurikira:

1. Kwandikira ubuyobozi bw'Akarere ibaruwa isaba gukoresha ikigo cy'isuku n'isukura
2. Kuba afite icyangombwa cy'ubucuruzi gitangwa na RDB (trade register)
3. Kuba afite urupapuro rwerekana ko atabereyemo umwenda ikigo cy'Igihugu cy'imisoro n'amahoro RRA (A company/individual with a Tax clearance certificate).
4. Kuba afite nibura imyaka 3 y'uburambe mu bucuruzi
5. Kuba afite uburambe mu bucuruzi bw'isuku n'isukura cyangwa gucuruza ibikoresho by'ubwubatsi ni akarusho.
6. Kugaragaza igishoro kingana cyangwa kiri hejuru ya 5,000,000 RWF (kwerekana bank statement)
7. Kwerekana ingamba zifatika afite mu gucunga ikigo cy'isuku n'isukura.
8. Kuba asanzwe akorera ibikorwa by'ubucuruzi mu Karere ka Nyamagabe
9. Kuba ashobora guhugurwa nawe akaba yahugura abandi mu bijyanye n'isuku n'isukura
10. Kwerekana ingamba zifatika afite mu gucunga ikigo cy'isuku n'isukura (Inyandiko itarengeje page 3, igaragaza intego, uko ateganya gukora, igishoro,..)

AKARERE KA NYAMAGABE

NB: Amabahasha akubiyemo ibisabwa byavuzwe haruguru mu ngingo ya III azakirwa mubunyamabanga rusange bw'Akarere ka Nyamagabe guhera ku itariki ya 08 Mutarama 2024 kugeza ku wa 12 Mutarama 2024 bitarenze 17h00.

Amabahasha agomba kuba yanditseho amagambo akurikira: **"GUSABA GUKORESHA IKIGO CY'ISUKU N'ISUKURA-AKARERE KA NYAMAGABE".**

**Bikorerewe i Nyamagabe kuwa 04/01/2024**

HABIMANA Thaddée
V/Mayor FED
NYAMAGABE DISTRICT

AKARERE KA NYAMAGABE

**NIYOMWUNGERI Hildebrand**

**Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe**